03 32.

K0141587



| | |
|---|---|
| **Identification** | **:RTLM 0332, du 28/03/94** |
| **Durée** | **:60mn** |
| **Qualité** | **: Bonne** |
| **Transmission** | **: RTLM** |
| **Date de la transcription** | **: 04/10/99** |
| **Nom du transcripteur** | **: Uwamahoro M.Vianney** |
| **Nom du fichier** | **:0332** |
| **Dictaphone** | **: Sanyo** |
| | **Modèle TRC-8080** |
| | **Série p8806620** |

---

**Face A**

**Kantano**

..Guhamara uko biza kugenda, hum ! Hagata aho rero, hinga twebwe hano, twebwe hano, biriya bibera hariya by'intambara y'ubutegetsi, n'iby'abategeka, twebwe yenda bizatugeraho, ariko rero nyine birumvikana yuko iyo waharanira gutegeka, hari igihe bateg..baba baharanira nyine kudukandamiza bakadupyinagaza. Ari byo nyine tudashaka, ari byo tudashaka, ku buryo rero rubanda

hagati aho tuzabatera imboni, tukabareba, hanyuma noneho tukababarira iminsi, tukababwira tuti "muhagarare, ubusambo bwanyu twarabubonye". Ubwo rero turategereje mu kanya saa yine, ariko hagati aho ni saa..tatu na mirongo itatu n'itandatu hano muri studio za radio yigenga RTLM ivugira i Kigali.

Hinga rero tuba..nyurizeho indirimbo, tubahe indirimbo, hari abantu bagenda baduha indirimbo, baduha indirimbo rwose ku buntu, baduha indirimbo ku buntu, abo turabashimira, turabashimira. Hari abacuranzi bagenda batubwira bati "mufate indirimbo zacu ku buntu ntacyo". Na twe rero ikintu tubitura burya ni ukubacishirizaho rimwe na rimwe akaririmbo, akaririrmbo nk'uyu Mihigo François Chouchou, yaduhaye indirimbo, hum ! Aratubwira ati "banyamakuru ba RTLM ejo ndabatumiye ku Kimisagara, muri "la maison des jeunes", hanyuma muzaze na mwe mucinye akadiho muzinjirira ubuntu". Indirimbo ye yitwa, ya Mihigo François Chouchou, yitwa "Afrika", yitwa "Afrika" ni yo tugiye kumva, tugiye kumva twese turi abana ba Afrika, ariko muri Afrika ibyo bita demokarasi, ibyo bita ubwigenge, byose birimwo birasa ni.. ibisubira inyuma, aho tutabyumvise mwumve iyo ndirimbo. (musique)

Ha ha ha ! Radio yigenga RTLM ivugira i Kigali; ubu saa..yine zirabura iminota cumi n'itanu, saa yine zirabura iminota cumi n'itanu muri studio za radio yigenga RTLM ivugira i Kigali. Abatwumva mwese mwese aho mutwumvira, tubifurije umunsi mwiza, tubifurije umunsi mwiza, ubu ngubu hano i Kigali; inkuru ivugwa n'iyishyirwaho ry'inzego z'inzibacyuho yaguye. Ha abantu rero ariko, abantu barakomeza kwibaza ibintu; aho inteko ishinga amategeko iri hariya ku Kimihurura, e..hari abant..a..mbese hararinzwe, wagira ngo hagiye kubera intambara y'isi yose, intambara rurangiza, birumvikana rero e..hararinzwe n'abasirikare, abazungu ba MINUAR..ibiki indege, blindé iki, ntabwo wamenya ko ari ahantu hari abanyacyubahiro, ahubwo wagira ngo ni aho bafatiye amabandi ya kabuhariwe.

Ntabwo rero byumvikana nyine, birumvikana yuko ari ibintu by'ubusambo. Mu kanya, a..abagiye ku..abantu barimo baribaza bati ese "Gouvernement irajyaho cyangwa ntijyaho" ?

Mu by'ukuri umuntu iyo akurikiranye, arasanga uyu munsi, hajyaho gusa Abadepite. Abadepite nabwo sinzi ko umuntu yabita Abadepite, kuko nta muntu wigeze abatora, ni abantu bigiriye aho ngaho gusa bati "twebwe ni ibi ni ibi, nta kindi turafata ibi, PDC aba iki", mbese ni ibintu byo byakomotse ku busambo bwa Arusha, bwa Arusha gusa byo kugira ngo ngo basenye ubutegetsi bwariho, ariko nta muntu n'umwe, nta muntu uzi, bavuga yuko ngo hari Umudepite wa Gisenyi wa PSD witwa "Vainqueur", ha Vainqueur, sinzi rero niba hari umunyagisenyi uzi Vainqueur.

Urumva ko ni ibindi bindi, Abadepite ba PSD i Butare, ho ! Ni abantu nyine gusa bi..abenshi bibera mu mugi, nta munyabutare wigeze abatora ibyo ari byo byose. Ubwo rero..ni ibintu nyine biri aho ngaho, ariko rero abantu bagakeka yuko baza kurahiza inteko ishinga amategeko, Président wa Repubulika akayobora imirimo yayo ya mbere, nyuma noneho ubwo imirimo igatangira. Ariko rero, abantu baribaza bati "ese ko Abadepite bose bambaye, ba Kibata bagiye, ba Hamidu Omari, ba nde, bose bagiye", bati "none se harajya harahira ba nde ? Bara..barabahamagara gute? Biragenda gute"?

Ubwo rero noneho baravuga bati "abantu barakeka yuko nibajya bahamagara abantu bakagongana, bakajya gutangira gufatana mu mashati, ubwo noneho baravuga bati "bon, mwe mube mugiye kwicara hariya, hanyuma noneho ubwo ibyanyu turaba tubireba ubutaha".

Mu by'ukuri urebye ni ko biri bugende, tubiteze amaso. Abanyamakuru bacu bagiyeyo ha barajya batubwira nyine he, nyabuneka ntihagire ukubita undi ingumi amukuremo amenyo, ha ha ! Ye, ni akumiro ni akumiro iby'iki gihe, iby'iki gihe ni akumiro, nta washobora.

..muri studio za radio yigenga RTLM, ivugira hano i Kigali. Abatwumva mwese, abatwumva mwese, umunsi mwiza. Mu by'ukuri ibibera muri CND, ibibera muri CND kano kanya bikomeje gutera ibintu by'ibibazo. Ha..! Abantu barimwo barabaza bati "ese ko twumva amalisite basoma, ntibavugamo CDR kandi Depite wa CDR Barayagwiza Jean Bosco yabonye invitation, ararahira ntarahira cyangwa se biragenda gute ?" Abandi rero bakibaza bati ese "ibi bintu na none biragenda gute, umu..bwana Kamari Sylvestre, ntabwo bamuvuga kandi yatsinze urubanza nk'uko mbona mu ibaruwa

yabyandikiye.., yabyandikiye Ministre w'intebe, amwereka yuko yatsinze urwo rubanza. Imikirize rero y'urubanza rwa Kamari Sylvestre na Twagiramungu Fawusitini mu mikirize yarwo yo ku wa..cumi n'umunani z'ukwa gatatu mirongo cyenda na kane, mu rukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali, ku byerekeranye n'ishyaka MDR ku Badepite, icya mbere urukiko rwasanze ikirego cya Kamari Sylivestre gifite ishingiro, bitiyo bityo rwemeza ko Kamari Sylivestere ari we Depite wa MDR i Gisenyi mu buryo bwemewe e.. n'ishyaka MDR.

Icya kabiri, urukiko rwategetse Twagiramungu Fawusitini na Tegeri Jean, gutanga indishyi z'ibihumbi mirongo irindwi, bagatanga n'ibihumbi maga..ibihumbi bine, magabiri na mirongo itanu y'amagarama y'urukiko, n'ibihumbi bibiri magana inani y'umusogongero wa Leta, ibi bigakurwa mu byabo ku ngufu.

Icya gatatu, urukiko rwanategetse kandi ko uru rubanza e.., urubanza rwabo rurangizwa by'agateganyo. E..dukurikije rero copie ya jugement y'urubanza, nta mpamvu n'imwe yabuza Kamari Sylvestre kwemererwa ku mwanya wa Depite muri Gisenyi mu gihe bigaragara. Ibi rero.. bikuwe nyine muri copie ye..ya jugement y'urubanza rwaciwe kuri cumi n'umunani z'ukwa gatatu mirongo cyenda na kane, yo mu rukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali. Naho ibyo madame Uwiringiyimana avuga, avuga, ibyo ari byo byose hari e...exécution provisoire, birumvikana yuko icyo gihe urubanza rurangizwa noneho ibindi bikazakurikiraho nyuma. Ubwo rero nta cyabuza Depite Kamari kuba Depite mu nteko ishinga amategeka; ariko rero madame Uwiringiyimana Agata ibyo ntabyumva. Ubwo ngubwo abantu bibajije ukuntu biri bugende, abandi barimo baravuga bati "mutubwire gusa, e..mutubwire niba CDR, CDR itarahiye hanyuma noneho tubereke "abasederi" icyo ari cyo ko ari rubanda nyamwishi, hanyuma mutubwire niba abo ba Kamari batarahiye, kandi babifitiye uburenganzira, hanyuma noneho murebe ukuntu bigenda".

Maze rero mu by'ukuri, ndakeka yuko iriya, iriya..biriya biri bigiye kubera mu CND, abantu benshi, abantu benshi, si uku..si ukuba "pessimiste" ariko abantu benshi ntabwo babibonamo a..ko bi.. ari ibintu bishobora gutanga amahoro, ahubwo ni ibintu bishobora gutanga amahane, n'ukuntu ibintu

birimwo bigenda, imihango igenda, byonyine birabyerekana. Inzu irakikijwe na MINUAR, abazungu n'imbunda ziteye ubwoba n'iki, indege hejuru ibiki byose, wagira ngo ni mu nzu bafatiyemo ibandi ya rutura, ku buryo rero umuntu yibaza niba harimo abanyacyubahiro cyangwa se e..ari..mbese ni ibintu by'ubujura mu by'ukuri, ubujura bwose burasa. Hinga mbagezeho amatangazo yanyu, amatangazo yo kubika.

Hanyuma rero..Président wa Repubulika yari yabyiteguye yari yaje, yari yaje, hanyuma none arigendeye kubera ko, aragiye kubera ko abantu bo muri FPR, bo muri FPR Inkotanyi batashoboye kuboneka, hanyuma..ibyo rero bigatuma umuntu yibaza byinshi, bamwe bavugaga bati "abantu bo muri FPR bari mu nzira, barimwo barava ku Mulindi", nyamara kandi tuzi yuko bara..abasirikare magana atandatu n'imisago baba hariya muri CND, ngo baba barinze abantu babo bakomeye, none se ko babazanye ngo babarinde, ku Mulindi baba bagiye kugira gute ? Hem niba atari ugukora indi migambi, ku Mulindi baba bagiye kugira gute ko n'ababashaka babasanga hariya muri CND, kuvuga rero ngo bavaga ku Mulindi ibyo ntawakikirisha, ntawakikirisha, ibyo ari byo n'iyo baba baragizeyo, bakoherezayo indege za MINUAR si nke zikajya kubazana, n'iz'u Rwanda ahubwo, ariko rero ibyo bintu na byo nyine na byo birimo ibintu by'amacenga, kuko ntitwumva icyo bariya basirikare barinze niba batarinze koko abategetsi babo koko nta bakiba muri iriya nzu.

Hanyuma..na none kandi ikindi byerekane ibi bintu, ni agasuzuguro ka madamu Uwiringiyimana Agata, Ministre w'Intebe wa Gouvernement iriho itariho, uwo.., Muministre rero madame Uwiringiyimana Agata, agasuzuguro ke ni nk'ukuntu akunda amatariki, ni nk'ukuntu akunda..akunda amatariki, Président wa Repubulika yaramubwiye ati "ibibazo nibiba byatunganye, uzambwire nze, ndahire, hem ndahire mfite indi mirimo myinshi, ntabwo mfite umwanya wo kuza kwicara hano gusa ntegereje ko amanama aba cyangwa iki", ni uko none biranyibutsa ibya Ngurinzira, Ngurinzira amubwira ngo naze Arusha, kandi nta kintu na kimwe arashobora gukora.

Maze ugasanga nyine ibi bintu byose bya hutihuti, hutihuti kandi murabizi mu Kinyarwanda iyihuse ibyara ibihumye, iyihuse ibyara ibihumye. Ndakeka rero yuko ibi bintu bya byo gukoresha Président

hutihuti, hari ikintu bihishe, hari ikintu bigamije, ndakeka rero yuko Abanyarwanda dukwiye kubyumva, tukabimenya. Kuvuga itariki, ibintu bitaratungana, kubwira abantu ngo muzaze munywe urwagwa utarenga, ibi bintu ni akumiro, ni akumiro ni akaga, aka gasuzuguro rero ka madamu Uwiringiyimana Agata akomeza gukoza Président wa Repubulika hirya no hino, akamutumaho ngo aze akoreshe imihango, madamu Uwiringiyimana Agata, pre..Président akaza, madamu Uwiringiyimana Agata ntaze, ibyo byarabaye mu minsi yashize murabizi, na none Président nako madamu Uwiringiyimana Agata agatumiza Président w'igihugu mu mihango, ngo aze ayobore imihango ye..yo kurahiza, naho ubwo madamu Uwiringiyimana Agata nta bintu aratunganya, ibyo bintu nanone turumva ari akajagari rwose, turumva ari akajagari, ibyo ni ibintu by'abagore ubundi, ako kajagari rero ka..k'abagore na..gateye umujinya; ariko hari umunyamakuru wacu wari uhari, Nkomati, uvuye hariya muri CND, ese kwinjirayo biroroshye ra ?

Nkomati : Aha..! Ntabwo byoroshye.

Kantano : Ye !

-Ntabwo byoroshye rwose birakomeye cyane.

-Yampaye inka yanjye !

-Aha ha..!

-Uhu..!

-Turagiye rero,

-Um..

-Ariko rero, twabanje kugira ikibazo,

-Um..

-Cyo kubona e..ikarita ituma umuntu yinjira hariya hantu,

-Um..

-Ni uko, turagenda, tuhageze, bati "muzane amakarita", twari turi kumwe e..n'umushoferi n'uriya Ruggiu Georges,

-Huum,

-Georges we yari ayifite, yari ayifite sinzi ukuntu yayibonye,

-Basi,

-Ni uko,

-Muri MINAFET ngo bababwiye ngo barayimpaye,

-Ngo barayiguhaye,

-Ntayo babampaye,

-Nagarutse ndakubaza nti Kantano nti ikarita baguhaye iri he ngo nigendere ?

-Ntayo, babeshyaga,

-Uti "ntayo",

-Babeshyaga, babeshyaga.

-Ndagenda,

-Hum,

-Tugezeyo bati "reka da, mujye gushaka ikarita,

-Hum,

-Ni uko Georges abasha kwinjira. Nanjye nshatse kwinjira bati "reka da..!" Bankuramo ku ngufu, ahubwo bashaka no kunkubita. Ubwo rero mba mvuyeyo,

-Pardon, hum,

-Ye..ndaza njya hariya kuri MINAFET, ngeze kuri MINAFET nti nyabuneka mumpe ikarita ngende njye gukora akazi,

-Hum

-Nti ntago bishobo..nti muyimpe byanze bikunze, ngo reka da ngo twafunze n'ibiki byose,...

-Si ibipapuro se bandikaho bagashyiraho cachet ?

-Ngo nti..nti nimut..nti ntabwo mva aha ngaha. Dutera amahane,...

-Uhum..

-Ni uko, e.. ngira amahirwe mba ndayibonye,

-Ye..

-Ndagiye,

-Uhum,

-Mpageze nyine, ariko ,ari abatumiwe, ari abagomba kurahira, mbese n'abaturage, bose bari

babucyereye kuko kuva hano kuri rond point hano ku ka..hano ku ntuze hano ukata gutya ku Kacyiru, hari abaturage benshi cyane kugera ku ntuzi,...

-Hum,

-Bon! Ndinjira, ninjiye nsanga harya mu kibuga hari abantu benshi, babukereye bambaye neza cyane, ubona yuko bagiye kurahira koko, mbese ubona abantu bose biteguye. Ngera no mu nzu, mu..mu mu mu nzu y'inama. Mpageze mu cyumba cy'inama, nsanga harimwo n'abandi bantu biteguye hari abantu benshi, hari abihaye Imana, hari Abasenyeri, hari Abapasitori, hari Abadipolomate, hari aba..hari n'abagombaga kurahira, benshi barahari benshi cyane. Ni uko, ni uko ubwo nyine ndaranganyamo amaso...ni uko nza kubonana na Barayagwiza, ni uko turavugana.

-Barayagwiza Depite wa CDR,..

-Ye..rwose turavugana, nti ese Barayagwiza ejo mwagiranye inama na FPR byagenze gute ? Ati "reka da, byarananiranye"! Hum !Byananiranye gute? Ati "FPR yadushyizeho ibintu by'amananiza, aho kugira ngo twumvikane, itangira kuvuga ngo twishe abantu, ngo twamaze abantu mu gihugu, ngo twic..ngo twishe Abagogwe, ngo twica abantu muri Kibirira, ngo twak..ngo ngo twarananiranye mu gihugu". Ati "natwe dushaka kwiregura". Ati "ni uko impaka ziba urudaca, ntitwumvikana". Ni uko ati "mu kanya navuganye n'Abadipolomate, surtout exten.. e..occidentaux, ndabibabwira mbadobanurira ukuntu bimeze", ni uko bati "tugiye gushaka FPR, kugira ngo tuyumvishe ko CDR igomba kujya muri mu mu mu mu nteko ishinga amategeko,

-Hu..

-Byanze bikunze

-Hum,

-Ni uko. Ni uko, ubwo nyine e..nsohotse ngeze hanze, bati "Umukuru w'igihugu amaze kugenda". Ariko kandi ni byo. None se yahageze kuva ryari se, ategereje i.. hafi amasaha abiri,

-Hum, kandi na bariya bantu bavuga ngo.. baba bava ku Mulindi bava he, ubundi bagombye kuba bari muri CND hariya muri iriya nzu, kuko bafite ababarinda, ni ho babarindira, ntabwo bavuga ko bahunze inzara cyangwa amapfa, ba..baragaburirwa, bameze neza. Ubwo rero ukuntu ibyo bintu birimwo kuruhanya. Ariko se, Nkomati ko burya umunyamakuru iyo agenda areba yumva hirya no hino, wabonaga.. climat icyo bita ambiance, wabonaga imeze ite ?

-E..wabonaga, wabonaga rwose abantu bari bahari, abantu bari bahari rwose nabonaga biteguye. Nabonaga biteguye rwose, gusa baba.., mbese baguye mu kantu babonye, babonye FPR idahari. Babuze abantu ba FPR, hum kuko e..nk'uko wamaze kubivuga, uti.. "Madamu Uwiringiyimana atanga iyi gahunda, ni uko yari azi ko ibintu byose ari ok", bose bahari bagomba kurahira,..

-Uhum,

-Ni ukuvuga rero ko abari bahari bari babucyereye kuko bari bazi ko ibintu byose ari ok, ari tayari, bagiye gukora umuhango wo kurahira. Baba rero déçus e..babonye aba FPR badahari, bati "reka dutegereze", none se barategereza na ryari ?

-Uhum,

-Baraategereza na ryari ?

-Bon maze rero Nkomati, gira na none usubireyo, ujye kudutarira andi makuru, andi makuru kereka niba hari icyo wakongeraho ?

- Oya icyo nakongeraho,

-Uhum,

-Ni uko Umukuru w'igihugu atari igikinisho cy'Agata cyangwa se cya Twagiramungu,..

-Aham,

-Ntabwo ari igikinisho rwose,

-Nta n'ubwo ari n'igi.. ari n'igikinisho cy'Inkotanyi ga,..

-Reka da ! Ikindi kandi,..

-Hum,

-Abanyarwanda bagomba kumenya, iriya bataillon y'Inkotanyi, iri hariya ku Kacyiru; e..ha..hariya hariya kuri CND, kugira ngo irinde abategetsi b'Inkotanyi. Abategetsi b'Inkotanyi ntibahaba, none se irahakora iki ?

-Aha, ...

-Ni ikibazo, ntibahari, biragaragara,..

-..icyo nacyo ni ikibazo maze rero Nkomati e..ntabwo duhagarika ibiganiro byacu, RTLM iramenyesha abayumva yuko idahagarika ibiganiro byayo, turakomeza dukurikirane inkuru uko bimeze, uko ibintu bimeze, dukurikirane aho izo Nkotanyi ziri, n'ibyo zishaka, ariko rero abantu

barabibonamo ibintu by'amacenga na none, by'amacenga, by'amacenga e..yo kunaniza, yo kunaniza kuko nubwo ikibazo cy'Abadepite kinaniranye nonaha mu gitondo, ariko hari n'ikibazo cy'Abaministre ba PL na cyo kitarumvikanwaho, kuko bose bambaye bagiye kurahira,..

-Nababonye, nababonye,..

-Ngaho,..

-Arahari Ntamabyariro,

-Ngaho,..

-Arahari,..

-Hem !

-Arahari,..

-Abo bantu rero, muraza kumva na none, na none haraza kuba ikindi kibazo, mu by'ukuri e..ubu ngubu ndakeka yuko imihango irimo ipfa. Ariko rero abasirikare bamaze guterefona bavuga bati "niba FPR, yanze ibyo bintu birimo bishaka kuba, hanyuma noneho igashaka kubura imirwano, twebwe rero, turi tayari kabisa, turi tayari", ati "rwose turarwana amasezerano ya Arusha tuyasese n'ubundi ntiyadushimishije, hanyuma noneho e..ubundi noneho dutangire kuri zeru na za mirongo ine ku ijana bavuga ngo bazabona mu ngabo, bazibure, ibyerekeye démobilisation bihagarare, hanyuma noneho maze barebane n'Inkotanyi",..

-Babure intama n'ibyuma, ..

-Aha ! Kamanzi rero rwose ha morale ingabo n'indirimbo aho ngaho yabo.(musique)

..ndwi hano muri studio za radio yigenga RTLM. Ubu rero muri aka kanya tuba twatangiye kunywa inzoga z'Abadepite, ariko kugeza ubu ntibararahira ya..! Amakositime aracyabumiye ku mugongo kubera yuko Inkotanyi zitabonetse. Inkotanyi ntabwo zashoboye kuboneka, nta wamenya ahantu zihishe, nta wamenya ahantu zihishe n'ibyo zirimo, ibyo ari byo byose..abantu batangiye kubyibazaho byinshi, abantu batangiye kubyibazaho byinshi hari abavugaga ngo ngo inzego, ngo ntizirajyaho, ngo ibiki ngo hari abantu babyica ni iki, ariko aba..ababyica biragaragara ko bamaze kuboneka kandi n'impamvu babyica ziragaragara.

Mu by'ukuri rero nta kubeshya kundi, hari igihe, ham, hari gihe abantu tubabwira ugasanga kubera ubwoba cyangwa se kubera agahinda, bakavuga ngo yo..! Ngo ko muduca intege, ko mudukura umutima, ariko mukwiye kumenya ikintu. Abazukuru, abuzukuru ba bariya Batutsi bahunze muri mirongo itanu n'icyenda, hem, bahunze muri mirongo itanu n'icyenda bamaze kwamburwa ubutegetsi bagahunga Repubulika, baje bisuganije, bashaka ubutegetsi hano mu Rwanda, nk'uko Museveni yabufashe i Bugande, ibyo ari byo byose na bo ni ko bumvaga bifuza kubigeraho, ibyo Rwigema yabivugaga yuko azabigeraho mu minsi itatu. Si ko byamugendekeye rero, si ko byamugendekeye. Hanyuma noneho abandi barakomeza barahanyanyaza, Museveni atera inkunga ariko bahanyanyaza iby'Arusha, bahanyanyaza ibya he ? Ariko byose yari amacenga yo kugira ngo bafate ubutegetsi hano mu Rwanda.

Ubwo rero na none, baravuga bati "ese mu Badepite tubonyemo bangahe, mu..Badepite tubonye..mu Baministre tubonyemo bangahe, ese ubutegetsi turabushyikiriye, rwose cyane, cyangwa se ntiturabobona"? Ariko rero..hari n'abandi b'abarwanyi nka Bakame n'iki baba bibereye ku Mulindi, bavuga bati "mu Rwanda twarababonye Abahutu bararangaye, na none uwakongera akisu..akisunika akicuma, yenda twa..bona yuko twagira ikindi twageraho".

Ibyo ari byo byose Inkotanyi niziramuka zubuye imirwano na none, Arusha izaba ipfuye, ibyo birumvikana, Arusha izaba ipfuye ubwo rero icyo gihe ni ukurwana kugira ngo bazarwana kugira ngo ubutegetsi babufate ku ngufu bwose, na twe turwane ku bu..turwane ku..kubugumana, hanyuma noneho ubwo ngubwo tuzakizwa na (inaudible).

Ibyo ari byo byose birerekana yuko Inkotanyi ziramutse zubuye imirwano, na byo nti.. ntabwo ari ngombwa kubitsinda, umuntu yakwibaza niba Inkotanyi, Inkotanyi koko zikunda Abatutsi bene wabo, ziramutse zubuye imirwano, birumvikana yuko ababanza kuhababarira, ari abaturage, ari abaturage bagwa mu mvururu, abantu bamwe bahunga, abandi bavuga bati "ndahunze sha ngusigiye ibyanjye iki". Aho rero hagwa abantu benshi kuko iby'i Burundi byarabitweretse yuko iyo abantu, agatsiko k'abantu kihutiye gufata ubutegetsi, abaturage ni bo bahagwa.

Ibyo ari byo byose, Inkotanyi niziramuka zubuye imirwano, ndakeka yuko ibi byo kuvuga ngo zikunda Abatutsi cyangwa zikunda abantu, ibyo byose biza..ni ukuba abantu babibitse, hari imyiryane igakomera, kugeza nyine igihe ibintu bisobanukiye.
Ibyo ari byo byose ku muntu ufite ubwenge, ku muntu koko uvuga ati "nabeshye amahanga kenshi ko mparanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu", ntabwo yakongera gutekereza iby'imirwano, iby'imirwano kuko Abanyarwanda, uru Rwanda ibyo ari byo byose, ibyo ari byo byose uru Rwanda bimaze kugaragara yuko, ni urw'Abanyarwanda bose, tugomba kurubanamo nta mayeri, nta buryarya kuko ibyo bintu kenshi ni byo byaduteranyije, Abahutu bavuga bati "murabona uburyarya bw'Abatutsi", hem Abatutsi bavuga bati "murabona ubucucu bw'Abahutu".

Ibyo rero ni cyo kintu ikintu cy'agasuzuguro, ni cyo cyatumye ikibazo cy'amoko kigenda gikomera. Niba rero Abatutsi bumva bafite, bafite ubwenge, niba koko n'ubwo buryarya babufite, ndakeka yuko ibyiza ari ko bareka ubutegetsi tukabusangira ariko, badashaka kubwambura rubanda nyamwinshi ku ngufu.

Icyo kintu ni ikibazo gikomeye, ndumva nta gihe bazabigeraho kuko na rubanda nyamwinshi nti..nti..ntiyobewe yuko biramutse bibaye nk'iby'i Burundi, biramutse bibaye nk'iby'i Burundi, nta kundi nyine, ubwo ni ukuvuga yuko Umuhutu uciye akenge ibye byaba birangiye. Simbona rero n'aho umuntu yahungira kuko n'i Burundi biracika. Wahungira se i Burundi ? Hum ! Wahungira se i.. i Bugande ? Wahungira se hehe ? Ndakeka ko ari ukurwana umuntu agaramye mpaka, mpaka muri iki gihugu, ni ukukirwaniramo kuko ibyo guhunga byo ntabwo birimo. Ubwo rero Inkotanyi ibyo ari byo byose zimenye ko ingabo z'u Rwanda n'ubwo zituje, n'ubwo habaye amasezerano ariko, ziricecekeye ni nk'intare isinziriye. Ndakeka yuko ibyo bagombye kubimenya.

Hinga mbagezeho amatangazo yanyu. Perefe wa Pe.. Ubu saa sita, saa sita zirabura iminota.. cumi n'itandatu, ha ha ha ! Ndebeye hano mu idirishya ndeba kwa Alimasi, ibyo barimo bakora ni uko icyaka numva kiraje, hum hum, ya ya ya ! Mu kanya rero biraba bibaye saa sita, ariko ntabwo dufunga ibyuma byacu, ntabwo dufunga ibyuma byacu, radio yanyu ntabwo tuyifunga, turagira ngo mwe kuza

gucikwa n'ikintu na kimwe, ku byerekeye ibintu birimwo biba kuri uyu munsi, cyane cyane iby'imihango yari itegenyijwe ku..a..hari mu..mu nzu y'inteko nkuru ishinga amategeko, aho Inkotanyi zirimo zikoza hirya no hino, zirimo zirikoza hirya no hino zishaka akantu kose k'impamvu, k'impamvu kashobora kuba kugira ngo ibintu byose bipfe. Hum, ibyo ari byose barakomeza bavuga ngo CDR, CDR ngo ntitwicara iruhande, nyamara ibyo bintu jyewe iteka bijya binyobera, ntabwo FPR, nta mpamvu n'imwe n'imwe ishobora kuvuga ngo ntishaka CDR mu gihe CDR yo ivuga iti "jyewe, jyewe..ndashaka kwicarana namwe mu nteko ishinga amategeko".

Ubwo rero..nako sinzi n'Inkotanyi ukuntu zibana mu mibanire yazo, ubundi ugushaka ntumwanga, sinzi rero ukuntu bo bumva imibanire y'amashyaka n'andi, cyangwa y'abantu n'abandi cyangwa y'imiryango n'indi, ibyo ari byo byose kubona Inkotanyi zivuga ngo CDR ntiziyishaka ngo byanze bikunze kandi CDR nta kuntu itakoze.., ese gusinya ngo ngo CDR yaricanye , ngo ni abicanyi, nyamara ubajije abanyabyumba, ubajije abanyaruhengeri ntibakubwira ko biciwe na CDR, kandi no mu Bugesera, kandi na za..na za..Kibuye, hose icyo ighe yari politiki y'Inkotanyi, yo guteza ingorane hose mu gihugu, kugira ngo abantu basubiranemo noneho ibone uko yisunika, ibone n' icyo igenderaho.

Birumvikana rero yuko ibyo byose bibazwa ahubwo FPR Inkotanyi, cyane cyane yo yanash..shoje n'imirwano itez.. itera igihugu, igatuma umututuzo wose wari urimo uhubangana. Ubwo rero kwitwaza ngo CDR, ngo za PDI ,ntabwo ari byo ahubwo bafite ibindi bagamije. Kuko nk'uko Radio Muhabura muri iki gitondo yabitangaje, nk'uko Radio Muhabura muri iki gitondo yabitangaje, yavuze yuko ari nta cyizere na gike abantu bagomba kugirira uyu munsi, ko a..ko haba hari bushyirweho inzego z'ubutegetsi ngo mu gihe.., bo rero ntibabura ibintu bitwaza, ngo mu gihe Perezida wa Repubulika, ngo .. .

**Fin de la face A.**

**Face B**

**Kantano**

..imwe, ngo nta gishoboka uyu munsi. Ibyo byose byavuzwe na Radio Muhabura. Birumvikana rero yuko byari ibintu biteganyijwe, naho kutubeshya ngo ni ibintu ngo bo..ngo ngo ngo bari mu nzira, ngo bari he ibintu nk'ibyo, ntabwo ari byo. Ni ibintu FPR ifite, igenda hose ishakisha ishakisha ishakisha utuntu tw'impamvu tudafashe. Biragaragara rero yuko FPR Inkotanyi n'abazikorera ari bo badindiza iyi mishyikira..nako ari bo badindiza ishyirwaho ry'inzego.

Mukomeje kumva radio yigenga RTLM ivugira i Kigali. Ubu mu kanya, mu kanya rero ngiye kubasomera noneho amatangazo yanyu, mutwihanganire kuko.. ibintu biba byihuta cyane, biba byihuta cyane, maze rero.. ha ha ! Imihango, imihango yo gushyiraho inteko ishinga amategeko yaguye irimo Inkotanyi, ibyo ari byo byose bya..yapfuye, yapfuye kandi ibintu ubwo byatangiye kare, abatazi uko byapfuye rero, byatangiye kare ariko ababikurikiraniye hafi, ababikurikiraniye hafi, uyu munsi mu gitondo saa mbiri, saa mbiri madamu Uwiringiyimana Agata yabonanye na Tito Rutaremara, na Mazimpaka Patrick, bamaze kubonana, bamaze kubonana rero bajya mu mishyikirano, hanyuma noneho.. Agata aza kwereka, aza kwereka abo bashyize ku murongo w'abaza guhamagarwa kurahira, basanga harimo, basanga harimo Inkotanyi rero ziza kubonamo PDI, ziza gusangamo..ba..Barayagwiza Jean Bosco, hanyuma muri PDI basangamo Kibata Djuma, muri CDR basangamo Jean Bosco Barayagwiza, hanyuma noneho muri MDR basangamo Depite Kamari, hanyuma noneho..ubwo ngubwo Inkotanyi zikubita hasi ziti "ibintu birapfuye karabaye turagowe", bati "ntabwo, ba Badepite mirongo ine twashakaga muri Assemblée ntibakibonetse, turabigenza gute"? Ubwo noneho bahita ibintu babihagarika. Ubwo rero kuva ubwo, ni bwo bahise baterefona ku Mulindi, bahise baterefona ku Mulindi bati "muhagarare stop"!Bati "ntabwo mukije", naho ubundi escorte yari yagiye kuzana, yari yagiye kuzana e..Inkotanyi, yari yaraye ku Mulindi, yari yaraye ku Mulindi rero bari bamaze kubashyira mu madoka, bagiye kuza noneho bababwiye yuko harimo icyo kibazo cya PDI, CDR hanyuma na Kamari wo muri MDR, watsinze urubanza, ni uko bavuza induru bati "ntabwo, ibintu birahagaze".

Ubu rero imishyikirano irimo irakundurana, irakundurana ariko mu by'ukuri biragaragara yuko PDI, PDI, PDI nk'uko mu kanya mbasomera itangazo ryayo, ibyo ari byose irarengana, irarengana ifite uburengazira, nta mpamvu n'imwe FPR ifite yo kwivanga muri PDI, kuko guhindura Umudepite si icyaha, apfuye cyangwa se arwaye agomba guhindurwa, agize andi makosa, byose bishobora guhinduka. Muri PDC barahinduye, muri FPR naho bashyizemo uwitwa Dewusi, uriya munyabugesera kandi ibyo ari byo byose hari undi muntu bamushimbuje tutari twamenya, nta wagiye kubwira Inkotanyi ati "ko mutasimbuye uyu nguyu n'uyu", Kamari we yatsinze urubanza, akaba noneho "exécution provisoire", ubwo rero nta kundi urubanza rwaraciwe, rugomba rero kubahirizwa, ibindi rero ndakeka yuko ni uguhanyanyaza, ariko biragaragaye yuko Inkotanyi; Inkotanyi zishaka gufata iriya nteko ishinga amategeko, zikayigira urubuga rwayo, zikayigira urubuga rwayo, zikayivuyanga nk'ay'ifu..zikayigira ay'ifundi igira ibivuzo, birerekana yuko ari zo zidindiza biriya bintu by'ishyirwaho ry'inzego z'inzibacyuho yaguye kubera ko e..zumva nyine yenda bitazifitiye akamaro.

Ibyo ari byo byose, ibyo ari byose batumenyesheje yuko escorte yari iri mu nziri iza, none yihagarariye ku Mulindi, ubwo rero birumvikana yuko imihango yenda iramutse itangiye nyuma ya saa..,nyuma ya saa..ya saa munani yenda yararamo ijoro ryose, nta wamenya ariko ni uyu munsi se ? Ni ejo ?

Ikibazo cya PDI se kiragenda gute ? CDR se yo bavuga ngo yishe ngo abantu iki kandi Inkotanyi zo zaramaze Amaperefegitura n'Amakomine, zarayayogoje byo biragenda gute ? Kamari se watsinze urubanza, ni ukuvuga yuko Inkotanyi zitazi niba ari igihugu kigend..u Rwanda ari igihugu ki..zi..zishaka ngo zishaka ko ziza..kizaba igihugu kigendera ku mategeko, none se.. bararenga se barasuzugura urukiko rwacu rwa mbere e..ru..urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali ? Aha..! Ndareba, ibyo ari byo byose biracyarimo ingorane. Hinga mbasomere, e..hanyuma nari nkivuga mu byerekeye ku byerekeye PDI, ku byerekeye PDI rero, ku byerekeye PDI abantu bamwe barimwo bara..kubera kwitana, kubera kwitirinwa barimo baravuga bati " nyabuneka, twebwe muratuvuga ariko, muratuvuga mu bya PDI, ntabwo turimo". Hum hari uwitwa Habimana Ibrahimu, Habimana Ibrahimu rero akaba ari umusore, "umujeune" utuye mu Nyakabanda, uyu mucuruzi wikorera ku giti cye, uwo Habimana Ibrahimu ati "ibyo ari byo byose, ndi umuyisilamu ariko nta rimwe nigeze njya

mu bintu bya PDI. Hanyuma rero.. abanyumva abumva Habimana Ibrahimu, ntabwo ari mu bya PDI rwose, ibyo ngibyo ntabwo bisobanutse. Ati "ubwo rero..ntabwo ari jyewe".

Habimana Ibrahimu rero, nizere yu;ko mu Nyakabanda bazi neza yuko utari mu bya PDI, ntabwo uri muri komite-nyobozi, ntabwo uri mu nzego zayo, ubwo rero ndakeka ko babyumva. Habimana Ibrahimu ntabwo ari mu nzego za PDI. hem ! Uyu mugabo na we we..! Witwa.., ha uyu mugabo na we aravuga ati "kandi", ha na we n'uwo twahuye na we arambwira ati "bariya bantu ko bambwira ngo ndi muri PDI", ati "rwose", ati "jyewe ndi umuyisilamu", ati "ubu tugeze mu bihe bikomeye, twagombye kwibuka ko twese duhuriye kuri La..Ilaha, Ila Ilaha, Mohamedi La Suru Raha", ha ha ha ! Menya mbivuze neza ye ! Menya mbivuze neza kabisa, ati "ni ibyo rero bitu..biduhuje", ati "iryo jambo rikaba ari ryo rituma umuyisilamu ari umuvandimwe w'umuyisilamu, nta kuvanga akarere, amoko",hum. Ati "rero ku bwanjye abayisilumu bose ni abavandimwe banjye, hum", ati "ni abavandimwe banjye, ntabwo nshobora kujya mu bintu, mu bintu bi..biteranya abayisilamu, hum, ati "ntabwo nshobora no kujya mu gatsiko karwanya akandi", ati "ubwo rero", ati "jyewe rwose Surayimani, jyewe Surayimani ndarengana", ati "rwose" ati " n'akazi nkora ntikatuma mba muri PDI". Ubwo rero.. birumvikana yuko abantu bamwe babeshyera ngo muri PDI, batayirimo, ubwo rero ni ukubimenya, bakabi..kosora ..nzego, ubwo rero bizibarweho, nta wundi wundi bishobora kubarwaho. PDI iri mu buryo, CDR iri mu buryo, hanyuma na Kamari Izak..Kamari na we, Kamari, Depite Kamari yari ya..Sylvestre, yatsinze imanza, hem Depite Kamari rero, Kamari Sylvestre yatsinze imanza, nta mpamvu rero atarahira uyu munsi. Nguko uko bimeze, nguko uko bimeze, ariko turakomeza tubikurikirane yenda imishyikirano hari icyo iza gutanga, tube twumva umuziki. (musique).

**Fin de la face B**

**<u>Fin de la cassette !</u>**